RWANDA AIRPORTS COMPANY

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

Ikigo Cy'Igihugu Gishinzwe Ibibuga by'indege (Rwanda Airports Company Ltd) kiramenyesha ababyifuza bose ko gitegura Cyamunara y'ibikoresho byakoreshejwe birimo imodoka isunika (Push Back), imashini zitanga umuriro (generators), ibikoresho by'ubwubatsi, ibyamashanyarazi, iby'amazi n'ibyo mubiro bitandukanye. Hari Kandi n'amazu ashaje akeneye gusenywa ugatwara ibikoresho biyagize.

Mu rwego rwo kwirinda icyorezo cya COVID-19, cyamunara izakorwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Abifuza gupiganirwa muri iyo cyamunara barasabwa gusura urubuga rwa RAC: (https://www.rac.co.rw/auction) bagahitamo lot bifuza gutangaho igiciro fatizo kibahesha kwinjira mu ipiganwa (pre-selection) bagahabwa ubutumwa bubemerera kuzitabira cyamunara nyir'izina.

Gusura ibyo bikoresho biteganyijwe tariki ya 15/09/2020 saa tatu ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali no Kuri 16/09/2020 saa yine ku Irebero

Cyamunara iteganyijwe ku matariki akurikira:
Kuwa 28/09/2020 guhera saa yine hazagurishwa ibikoresho bihererye ku Kibuga cy'Indege cya Kigali.
Kuwa 29/09/2020 guhera saa yine hazagurishwa ibikoresho bihererye ku Irebero
Kuwa 30/09/2020 guhera saa yine hazagurishwa ibikoresho bigize inzu ziza senywa ziri i Kanombe

Icyitonderwa:

1. Kwinjira muri cyamunara nyirizina, upiganwa agaragaza ubutumwa bugufi yahawe hifashishijwe ikoranabuhanga.

2. Utanze igiciro kiruta icy'abandi niwe wegukana ibikoresho byapiganiwe. Uguze asabwa kwishyura 30% ako kanya asigaye akayishyura mugihe kitarenze iminsi itanu, atabyubahiriza ibyo yatsindiye bikegurirwa uwamukurikiye mu giciro kandi ntasubizwe amafranga yatanze.

3. Uwishyuye amafranga yose, asabwe gutwara ibyo yatsindiye mugihe kitarenze iminsi itanu atabyubahiriza akishyura amafaranga ibuhumbi icumi (10,000 Frw) ku munsi yo gucunga umutekano wabyo.

Abifuza ibindi bisobanuro babariza kuri aderesi zikurikira: 0724123112/0724123063.

Bikorewe, Kigali, Kuwa 08/09/2020.

Charles HABONIMANA
Umuyobozi Mukuru

RWANDA AIRPORTS COMPANY